

## ITANGAZO RY'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA RISOZA UMWAKA WA YUBILE Y'IMPUHWE Z'IMANA

*Rizasomwa nyuma ya misa mu gihe cy'amatangazo ku wa 20 ugushyirahwe 2016.*

Bakristu Bavandimwe,

1. Mu gusoza iki gitambo cya Misa kirangiza uyu mwaka wa yubile y'Impuhwe z'Imana wari washyizweho na Nyirubutungane Papa Fransisko, twabwira abepiskopi banyu dufite ijamba dushaka kubagezaho rikubiyemo ibyiza by'igihe kirangiye na gahunda y'iminsi iri imbere.

2. Muri iyi myaka ishize yose, abapapa bagiye badusaba kudatinye kureba ukuri kw'amateka yacu n'ingorane zayabayemo. Ku ya 17 gicurasi 1994, Mutagatifu Papa Yohani Pawulo wa 2 yabaye uwa mbere wavugiyeye ku mugaragaro ku kibuga cya Mutagatifu Petero i Roma ko ubwicanyi bwabereye mu Rwanda yari jenocide irimo gukorwa, anavugaga ko abayigiramo uruhare bazabibazwa n'Imana n'amateka<sup>1</sup>. Papa Benedigito wa 16 wamusimbuye, mu ruzinduko abepiskopi twagize ku ya 21 gicurasi 2005, yatubwiye ko tutagomba gutinye guhangara amateka yacu n'ingorane zose zayaturukaho<sup>2</sup>. Mu ruzinduko rwacu rwo ku wa 3 mata 2014, Papa Fransisko yatubwiye ko tugomba gufatanywa na Leta, kugira ngo dufashe abanyarwanda kudaherana na Jenocide yakorewe abatutsi n'ingaruka zayo<sup>3</sup>. Muribuka ko natwe ubwacu mu mwaka w'2000, dusoza Yubile y'imyaka 100 u Rwanda rwari rumaze rwakiriye Inkuru Nziza ya Yezu Kristu twasabye imbabazi tuzisabira abanyarwanda bose cyane cyane abakristu gatolika bijanditse muri jenocide yakorewe abatutsi<sup>4</sup>. Uyu mwaka wa Yubile y'impuhwe z'Imana uduhaye uburyo bwiza bwo kongera gushyira mu bikorwa icyifuzo cyo kureba amateka y'Igihugu cyacu tuyarebana amaso y'ukwemera.

3. Mbere na mbere muri uyu mwaka wa Yubile y'impuhwe z'Imana turayishimira impuhwe zayo, kuko ari umubyeyi udukunda dukeshya ubuzima. Ni Yo muremyi n'umugenga w'ijuru n'isi. Turayishimira ibyiza byose dukeshya u Rwanda kuko ari Yo biturukaho: ubutaka bwarwo, ururimi n'umuco, ubugwaneza bw'ababyeyi, umwete w'urubyiruko, umurava w'abasaserdoti n'abiyeguriyimana, ubwitange bw'abayobozi n'ubw'abantu bose b'ineza.

4. Mu rukundo rwayo rutagereranywa, Imana yohereje Umwana wayo Yezu Kristu abyarwa na Bikira Mariya kugira ngo atumenyeshe byuzuye urukundo rwayo. Nk'uko Papa Fransisko abivugaga mu ibaruwa ye itangiza umwaka w'impuhwe yitwa ***Ishusho y'Impuhwe z'Imana***: « Impuhwe ni imiterere ubwayo y'Imana Yo yonyine igaragariza ubushoborabyose bwayo mu kugira impuhwe... Mu magambo make impuhwe z'Imana si igitekerezo kidasobanutse, ahubwo ni ukuri nyako Imana igaragarizamo urukundo rwayo, urukundo nk'urw'ababyeyi bagirira

<sup>1</sup> Reba *Osservatore Romano* (fr.) n. 20 (2315), yo kuwa 17/05/1994, urup.1.

<sup>2</sup> Reba *Osservatore Romano* (fr.) n. 21 (2882), yo kuwa 24/05/2005, urup.3.

<sup>3</sup> Reba *Osservatore Romano* (fr.) LXV n. 15 (3325), yo kuwa 10/04/2014, urup. 5.

<sup>4</sup> Reba mu gatabo *Gahunda y'umunsi wo gusoza Yubile y'imyaka 2000* ko kuwa 08/02/2001, urup. 7.

igishyika abana babo » (No 6). Kumenya impuhwe z’Imana bidufasha natwe kurangwa n’izo mpuhwe.

**5.** Yezu Kristu ni we washinze Kiliziya ye igihe yoherereje intumwa ze Roho Mutagatifu kugira ngo aziyobore kandi azimurikire mu butumwa yazisigiye bwo kwamamaza Inkuru Nziza y’umukiro ku isi yose. Turashimira Imana kuko yatwoherereje intumwa zayo hano mu Rwanda zatweretse urugero rw’ukuntu Inkuru Nziza ishyirwa mu bikorwa mu buzima bwa buri muni, bityo zigakomeza Kiliziya ye. Turayishimira kubera Kiliziya ya Yezu Kristu iri mu gihugu cyacu, ingabire y’ukwemera, ukwizera n’urukundo, kimwe n’imigisha yayihundagajeho, byatumye abakristu biyongera, abana benshi b’u Rwanda bakaba abasaserdoti, abiyeguriyimana, abalayiki bitangira Kiliziya batiganda, bityo ibikorwa binyuranye bikagaragaza ubukungu bw’urukundo rw’Imana n’urwa mugenzi wacu. Turashimira Imana kubera ko uyu mwaka wa Yubile y’impuhwe zayo watumye abakristu bivugurura mu bukristu bwabo, bakakira impuhwe z’Imana kandi bakihatira kugaragaza ibikorwa by’Impuhwe muri bagenzi babo. Turasaba Imana ngo ikomeze itube hafi, Kiliziya ihore irangamiye Yezu Kristu, maze tubane mu rukundo no mu mahoro.

**6.** Yubile bivuga no gusaba imbabazi ku kibi cyose twakoze. Turasaba imbabazi tuzisabira n’abakristu bose kubera ibyaha by’ingeri zose twakoze. Tubabajwe cyane n’uko bamwe mu bana ba Kiliziya batatiye igihango bagiranye n’Imana muri Batisimu biyibagiza amategeko yayo. Turasaba imbabazi ku nabi twagize yose tuyigirira Imana n’abana bayo; ibyaha byose by’ubwikunde, by’ingeso mbi, byo kutita ku barwayi, ku banyantege nke n’abashonje. Turasaba Imana imbabazi kubera ibyaha byose by’inzangano n’iby’ibyo kutumvikana byabaye mu gihugu cyacu bigera n’aho tugirira urwango bagenzi bacu tubaziza inkomoko. Turasaba imbabazi kuko kenshi tuterekanye ko turi umuryango umwe, abantu bakica abandi, bakabanyaga ibyabo, bakabatesha agaciro. Turasaba imbabazi kubera intambara zose zaranze iki gihugu cyacu. Turasaba imbabazi z’ibyaha by’abasaserdoti n’abiyeguriye Imana. Turazisabira ababyeyi batagize urukundo mu ngo zabo, banganye, batanye, batitaye ku bana babo, urubwiruko rwakoresheje nabi imbaraga zarwo; abantu bose babereye abandi ibuye ry’urutsitaro bakabura urukundo, bakabura ineza kubera bo. Turasaba imbabazi kubera abayobozi b’abakristu bose batumye haba amacakubiri mu bantu bakabiba imbuto mbi y’urwango kimwe n’abarenganyije abandi ntibite ku burenganzira bwa muntu mu mirimo bashinzwe.

**7.** Nubwo Kiliziya ntawe yatumye kugira nabi, twebwe abepiskopi gatolika, ku buryo bw’umwihariko, twongeye gusaba imbabazi kubera bamwe mu bana bayo, abasaseridoti, abihayimana n’abakristu bagize uruhare muri jenocide yakorewe abatutsi. Koko rero bakoze icyaha gikomeye cy’inabi ya muntu. Turasaba Imana kugira ngo ihindure imitima yabo, ibafashe kwicuza, kwiyunga no kugirira neza abo bahemukiye, bemere impuhwe zayo kandi bizere n’impuhwe z’abanyarwanda. Ukwicuza kwabo gutume batinyuka kuvuga ukuri, kugira ngo umutima wabo ushobore gukira icyaha gikomeye bagiriye Imana, bakakigirira n’igihugu cyose. Bumve ko Imana yakira uwicujije wese, wemeye guhindura imigenzereze ye, maze bubakire hamwe n’abandi igihugu kirangwa n’ineza yayo, urukundo n’ubwumvikane.

**8.**Turasaba Imana gufasha Abanyarwanda bose bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside kwicuza bagahinduka. Twebwe abepiskopi banyu, mu izina ry'abakristu gatolika bo mu gihugu cyacu, muri uku gusaba imbabazi twitandukanya ku buryo bwose n'icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, tunitandukanije n'imigirire yose, n'imyumvire yose bijyanye n'ivangura n'irondakoko bigikomeza gutoneka ibikomere twasigiwe na jenoside yakorewe abatutsi.

**9.** Turasaba Imana ngo abantu bose bafite intimba n'ububabare byatewe n'amateka mabi twacyiyemo muri iki gihugu ibahe imbaraga z'umutima zo kutiheba ahubwo bizere Imana itigera itererana abayo. Turasabira abarwayi, abafite ubumuga, imfubyi, abapfakazi, imfungwa, impunzi n'abandi bose bakomerekejwe n'iby twacyiyemo kimwe n'imiryango yose yazahajwe n'ubukene ngo bagire ababagoboka, babagaragariza umutima w'impuhwe.

Bakristu bavandimwe,

**10.** Kuvuga Yubile ni no kwiyemeza kuvugurura ubukristu bwacu. Turasaba Imana kutwongerera ingabire y'ukwemera, ukwizera n'urukundo; Kiliziya irangwe n' amahoro n'ubwumvikane maze ikomeze kubera isi urumuri n'inzira igana Imana. Imana niduhe imbaraga zo gukunda no kwitangira Kiliziya yayo duhamya Ivanjili; kuvugisha ukuri tubigire umuco wacu, tumenye gusaba no gutanga imbabazi cyo kimenyetso cy'Impuhwe z'Imana, maze ubumwe n'ubwiyunge bibe umugambi wa buri wese. Imiryangoremezo nitubere ihuriro ry'abemera Kristu bose, basengera hamwe, bagasangira ubuzima nk'abavandimwe, kandi barangwa n'umutima w'impuhwe bityo twese turushaho kwita ku bakene n'abatishoboye.

**11.**Turasaba ko ingo z'abakristu, zo Kiliziya y'ibanze zaba ipfundo rikomeye ry'ubuzima, zikarangwa n'ubumwe, ubwumvikane n'urukundo zimurikiwe na Kristu. Urubyiruko rwacu, rwo mizero ya Kiliziya n'igihugu cyacu, nirumenye Imana, rukure ruyikunda, rukunda n'igihugu cyarubyaye, ruzira amacakubiri, rugendera kure urwango, ivangura ndetse n'ingeso mbi zose zangiza ubuzima. Nirwirinde uwo ari we wese warushuka arujyana mu nzira zitajyanye n'ubukristu. Nirukurikire inzira igorotse rumurikiwe n'indangagaciro Kiliziya yigisha.

**12.**Turagije Imana u Rwanda rwacu kugira ngo abana barwo bose babane mu mahoro, mu bwumvikane n'ubufatanye, bubahirize itegeko ry'urukundo rw'Imana n'urwa bagenzi babo. Tuyituye abayobozi b'igihugu cyacu; umukuru wacyo n'abamufasha mu nzego zose z'ubuyobozi kugira ngo ibikorwa byabo bikomeze kubaka ubumwe, ubwiyunge n'iterambere by'Abanyarwanda mu iyobokamana rihamye no mu bwangamugayo.









**13.**Uyu muni turangije umwaka wa mbere wa za Yubile zizamara imyaka itatu. Nyuma ya yubile y'impuhwe z'Imana, ku itariki ya 7 ukwakira 2017 tuzasoza Yubile y'imyaka 100 abasaserdoti ba mbere b'abanyarwanda, Padiri Balitazari Gafuku na Padiri Donati Reberaho, bahawe ubupadiri, bakaba barabimburiye abanyarwanda benshi babaye abasaserdoti. Mu mwaka wa 2018 tukazakomeza gutekereza ku bumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda n'inkunga yacu

nk'abakristu gatolika kugira ngo u Rwanda rube koko igihugu kirangwa n'ituze, amahoro, ubumwe n'ubwumvikane byo bimenyetso by'ubumwe bwacu n'Imana.

**14.**Iyi gahunda yose tuyishyize mu biganza by'Imana yaturemye, ikaducunguza urupfu n'izuka bya Yezu Kristu. Bikira Mariya, Umubyeyi w'impuhwe, Umwamikazi wa Kibeho adusabire.

Bikorewe i Kigali ku wa 17 Ukwakira 2016

Abepiskopi banyu

- + Filipo RUKAMBA,  
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika  
Umushumba wa Diyosezi ya Butare 
- + Tadeyo NTIHINYURWA,  
Umushumba w'Arkidiyosezi ya Kigali 
- + Serviliyani NZAKAMWITA,  
Umushumba wa Diyosezi ya Byumba 
- + Yohani Damaseni BIMENYIMANA,  
Umushumba wa Diyosezi ya Cyangugu 
- + Simaragde MBONYINTEGE,  
Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi 
- + Visenti HAROLIMANA,  
Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri 
- + Antoni KAMBANDA,  
Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo 
- + Selestini HAKIZIMANA,  
Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro 
- + Anakeleti MWUMVANEZA  
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo 